THE HOLY EUCHARIST

Umusalaba

Buji Indilimbo iririmbwe Abatambyi bagana Altar,

Abatambyi Abantu bahagaze, Umuyobozi avuge ati:

Bambaye

Iby'uwo munsi Umuyobozi: Nzajya kri Altar y'Imana!

Wa Ordination Abantu : Ku Mana inezeza umutima wanjye.

Dikoni imbere Umuyobozi: Gufashwa kwacu kubonerwa mu Izina ry'Uwiteka!

Priests bakurikire Abantu : Uwiteka waremye Ijuru n'Isi.

Bishop abashorere

Umuyobozi: Hahimbazwe Imana: + Data,Umwana n'Umwuka Wera

Umusalaba Abantu : Kandi hahimbazwe Ubwami bwe none n'iteka ryose.

Buji bishyirwe Amen.

Kuri Altar MU MWANYA W'IBI BYOHEJURU,IGIHE CYA PASKA

Imbere. KUGEZA KURI PENTEKOTI, HAVUGWE IBI:

Umuyobozi: Haleluya! Kristo yarazutse!

Abantu : Kristo yarazutse koko! ,Haleluya!

MUGUTEGEREZA, MUGISIBO NO MUBINDI BIHE

BYO KWIHANA, HAVUGWE,

Umuyobozi: Hahimbazwe Imana itubabarira ibyaha byacu byose!

Abantu : Kuko Imbabazi ze zihoraho iteka ryose.

Bishop NONEHO UMUYOBOZI ASENGE ATI:

Akuremo

Ingofero Mana ishobora byose,ni wowe twerekejeho imitima yacu yose,

Ibyifuzo byacu bizwi n'ibitazwi, weze Mana,intekerezo zacu ku

Kubw'Umwuka Wera,kugira ngo dushobore kugukunda byukuri

Kandi ngo dushobore guhesha Izina ryawe icyubahiro, mu Izina

Rya Yesu Kristo Umwami wacu. Amen!

THE SUMMARY OF THE LAW

AMATEGEKO MURI MAKE.

Yesu yaravuze ati:"Itegeko rya mbere rirusha ayandi gukomera ni iri:

'Umva, O Israeli,Uwiteka Imana yacu,Imana ni Imwe.

Ukunde Uwiteka Imana yawe,n'Umutima wawe wose,Ubwenge bwawe

Bwawe bwose,n'Imbaraga zawe zose' Iryo niryo tegeko rya mbere.

Irya kabiri, risa naryo,ni iri:

'Ukunde Mugenzi wawe nk'uko wikunda' Nta yandi mategeko arusha aya

gukomera”.

HAVUGWE CYANGWA HARIRIMBWE IMWE MURI IZI

“ KYRIE” CYANGWA “ TRISAGION”

Kyrie eleison Uwiteka,tugirire imbabazi.

Christe eleison Kristo, tubabarire

Kyrie eleison Uwiteka tugirire imbabazi.

CYANGWA

Mana Year, Year kandi Ikomeye

Year kandi y’Iteka,

Tugirire imbabazi.

BOSE BAHAGAZE,BAVUGE CYANGWA BARIRIMBE IYINDIRIMBO ‘GLORIA”

GLORIA KANDI IGIYE CYO GUTEGEREZA N’IGISIBO NTIRIRIMBWA.

Glory to God in the Highest

Icyubahiro kibe Icy’Imana mu Ijuru no mu’Isi

Icyubahiro kibe icy’Imana mu Ijuru, mu Isi amahoro abe mubo yishimira,

Uwiteka Mana,Umwami w’Ijuru,Mana ikomeye kandi Data.

Icyubahiro kibe icy’Icy’Imana mu Ijuru,Mu Isi,amahoro abe mubo yishimira,

Uwiteka Mana,Mwami w’Ijuru,Mana ikomeye kandi Data.

Turagusenga,turagushima,turaguhimbariza Icyubahiro cyawe,Uwiteka Yesu Kristo,

Umwana w’Ikinege wa Data,Uwiteka Mana,Umwana w’Intama w’Imana.

Wadukijije ibyaha,komeza utugirire imbabazi.

Wicaye iburyo bw’Imana Data, Umva gusenga kwacu.

Kuko ari Wowe wera wenyine, Ni wowe Uwiteka wenyine.

Ni Wowe wenyine uri hejuru cyane,Yesu Kristo, hamwe n'Umwuka Wera,

Mu cyubahiro cy'Imana Data. Amen.

Mu ijuru icyubahiro kibe ic'Imana, mw'isi amahoro abe mubo yishimira,

Uwiteka Mana,Umwami w'Ijuru,Mana ikomeye kandi Data.

Mu ijuru icyubahiro kibe icy'Icy'Imana,mw'isi amahoro abe mubo yishimira.

Uwiteka Mana,Mwami w'ijuru,Mana ikomeye kandi Data.

Bishop PRAISE AND ADORATION

Akuremo KURAMYA NO GUHIMBAZA

Hano hakurikireho igihe cyo guhimbaza, hano biteganywa ko abantu bari-

Rimbira mu Mwuka, mu Buhanuzi,mu Ndimi no gusobanuro indimi
Nkuko Umwuka ayoboye.Noneho iteraniro rikomeze kuri gahunda y'

Umuyobozi.

Abakozi ABANTU BICARE, HANYUMA ABATEGANIJWE GUSOMA IBICE

Bajye mu BATANGIRE BAVUGA BATI:

Byicaro. IBYANDITWE BYERA ----------

Igitabo, igice, umurongo

UMAZE GUSOMA AVUGE ATI:

Umusomyi: Ni mwakira Ijambo ry'Imana.

Abantu : Dushimiye Imana!

Habanze: ISEZERANO RYA KERA

ZABURI----------abantu bahagaze.

INZANDIKO

Abantu bose bahagaze,Dikoni cyangwa Priest asome IVANJILI avuge ati:

Dikoni

Priest Dikoni : Ubutumwa bw'Umwami n'Umukiza wacu Yesu Kristo uko

asange Bwanditswe na----------

Bishop Abantu: Abantu : Icyubahiro ni icyawe,Uwiteka Kristo.
Gusaba Nyuma y'Ubutumwa bwiza [Ivanjili]

Dikoni asubire Dikoni: Ubutumwa bwiza bw'Umwami wacu Yesu Kristo !

Kwa Bishop cg Abantu: Icyubahiro ni icyawe,Uwiteka Kristo.

Priest gusoma igitabo.to kiss.

KUBWIRIZA

Bishop KWEMERA KWA NICENI

Yambare

Ingofero.

Twizera ko Imana ari imwe, Data wa twese ushobora byose, Umuremyi

W'Ijuru n'isi, Ibiboneka n'ibitaboneka.

Kandi twizera Umwami Umwe Yesu Kristo,Umwana w'Ikinege

W'Imana,Imfura ya Se mbere y'ibintu byose,Imana yavuye ku

Mana,Urumuri rwavuye ku rundi,Imana y'ukuri yavuye ku

Mana y'ukuri.

Yarabyawe ntiyaremwe,Ufite kamere imwe n'iya Se,muri we nimwo

Ibintu byose byaremewe,icyatumye amanuka mu ijuru ,ni twebwe

Abantu no kugira ngo dukizwe.

Yasamwe n'Umwari Maria kubw'Umwuka Wera,nuko aba umuntu,

Abambwa ku Musalaba ku bwacu, ku ngoma ya Pontio Pilato,arapfa,

Arahambwa,azuka ku munsi wa gatatu,nk'uko byari byaranditswe,nuko
Ajya mu Ijuru,none ubu yicaye uburyo bw'Imana ishobora byose,kandi

Azagaruka mu cyubahiro,gucira imanza abazaba bakiriho n'abazaba

Barapfuye,Ubwami bwe buzahoraho iteka ryose.

Kandi twemera Umwuka Wera, Uwiteka, kandi utanga ubuzima,uva kuri

Data no kuri Mwana,arasengwa arasingizwa hamwe na Data n'Umwana,

Nk'uko byari byarahanuwe.

Kandi twemera Itorero ryera rusange rikomoka ku Ntumwa.

Hariho Umubatizo umwe ukiza abantu ibyaha,kandi dutegereje umuzuko

W'abapfuye n'ubugingo budashira.Amen

Bishop AMASENGESHO YO GUSENGERA ABANTU [Litani]

Akuremo

Ingofero. Liturgia yo guceceka,dusenga

Turasabira abantu bose kubw'Imibere n'Imirimo ya buri munsi;

= Kubw'Imiryango yacu,Incuti,Abaturanyi na bariya batereranwe.

Turasabira Itorero, Igihugu n'Isi;

= Turasabira n'Abaharanira Ubutabera, Ubwigenge n'Amahoro.

Turasabira ngo Ibyo waremye bikoreshwe Neza no mu Kuri;

=Turasabira Abazira Inzara,Ubwoba, Kurenganwa no guhohoterwa.

Turasabira abari mu Byago, Agahinda n'Ibindi byose bijyana nabyo;

=Turasabira Abita ku Barwayi, Inshuti n'Abakene.

Turasaba Amahoro n'Ubumwe bw'Itorero ry'Imana;

=Turasabira Ababwiriza Ubutumwa bwiza n'Abashaka Ukuri bose.

Turasabira Craig Umukurambere wacu,

Charles Jones Archbishop wacu,
Emmanueal wacu

Aba Bishops bose,

Aba Priest bose n'Aba Dikoni;

=Turasabira n'Abakorera Imana mu Itorero ryayo=

N'Ibindi byifuzo byose byihariye kandi bireba abari muri iri teraniro.

Abantu barararikirwa kongeraho amasengesho yabo

UWITEKA UMVA GUSENGA KWACU;

=KUKW'IMBABAZI ZAWE ARI NYINSHI.=

Uwiteka turagushimira Imigisha yawe yose yo muri ubu buzima.

Abantu barararikirwa kongeraho ishimwe ryabo.

TUGUSHYIZE HEJURU ,O UWITEKA IMANA YACU;

=KANDI TURAHIMBAZA IZINA RYAWE NONE N'ITEKA RYOSE

Turasabira bariya bose bitabye Imana kugira ngo bazabone umwanya

Mu Bwami bwawe bw'iteka.

Abantu barararikirwa kongeraho amasengesho yabo bwite

UWITEKA ,TURASABA NGO URUKUNDO RWAWE

N'INEZA BIBANE N'ABA BANTU BAWE;

=ABA BANTU BAKWIZEYE=

Noneho Celebrant arangizanye na Collect

THE CONFESSION OF SINS

Dikoni cyangwa Celebrant: REKA TWATURE IBYAHA BYACU

TUBYATURIRE IMANA ISHOBORA

BYOSE.

Abantu bose bapfukame,maze bature ibyaha bavuga bati:

Data wa twese w'Imbabazi nyinshi,twatuye ko twagukoreye ibyaha,mu bitekerezo,
Mu magambo no mu bikorwa, ntabwo twagukunze n'Umutima wacu wose,ntabwo

Twakunze bagenzi bacu nk'uko twikunda.By'ukuri,dusabye imbabazi kandi duciye

Bugufi imbere yawe twihana ,kuko twibujije imigisha yo mu Ijuru, twikururira imibabaro yo mu muriro,ariko ikirenze ibyo byose,twarakubabaje,Mana yacu,soko y'Ibyiza byose

N'Urukundo.Kubw'ibyo no kubw'Ubushake bw'Umwana wawe Yesu Kristo,tugirire

Imbabazi kandi utubabarire; kugira ngo tugire umwete wo gukora ibyo ushaka, no kuge-

Ndera mu nzira yawe,kubw'Icyubahiro cy'Izina ryawe. Amen!

NIBA BISHOP AHARI CYANGWA PRIEST,AHAGURUKE MAZE ATANGE

IMBABAZI ,AKORA IKIMENYETSO CY'UMUSALABA HEJURU Y'ITERANIRO.

Bishop Uwiteka Mana Ishobora byose kandi y'Imbabazi nyinshi,

Yambare Abababarire, Abeze, kandi Yibagirwe ibyaha byanyu byose

Ingofero kubwo kwihana byukuri, no kwivugurura mu bugingo,

Inkoni Ubuntu no Guhozwa n'Umwuka Wayo Wera. AMEN.

THE PEACE – AMAHORO

Bose Bahagaze,Celebrant abwire abantu ati:

NI MUHORANE AMAHORO YA KRISTO!

Abantu: URAYAHORANE NAWE!

Aba Priests baramukanye,n'Abakristo nabo baramukanye.

Abaroma 12:1= Nuko bene Data ndabinginga kubw'Imbabazi z'Imana ngo mutange imi-

Biri yanyu ,ibe ibitambo bizima ,byera bishimwa n'Imana, niko kuyiko-

Rera bikwiriye

The Offering of the Gifts
The DOXOLOGY

IGITAMBO CYA MISA

Bishop

UMUYOBOZI AZAMURE IBYACUMI,AMATURO,UMUTSIMA

Akuremo DIVAYI AREBE ALTAR MAZE AVUGE ATI:

Ingofero

Arambike Umuyobozi: Uhimbazwe,Uwiteka Mana,Umuremyi w'ibintu

Inkoni byose.Kubw'Ineza yawe,twabonye Ibyacumi

yambare N'amaturo nk'Urwibutso rw'Ubuzima bwacu

Chasuble. N'imirimo yacu,turasaba ngo bikoreshwe

Mu Itorero ryawe,kubw'Umurimo wawe wadu-

Shyize imbere kandi ngo bikuze Ubwami

Bwawe.

Abantu:Hahimbazwe Imana none n'iteke ryose!

THE GREAT THANKSGIVING

IFUNGURO RYERA

ABANTU BAKOMEZE BAHAGARARE,MAZE UMUYOBOZI AREBE ABANTU ATI:

Umuyobozi: Hahimbazwe Imana Data,Umwana n'Umwuka Wera!

Abantu : Kandi hahimbazwe Ubwami bwe none n'iteka ryose.

Umuyobozi: Mana ishobora byose,ni wowe twerekejeho imitima

Yacu yose!

Abantu : Tuyerekeje k'Uwiteka!

Umuyobozi: Nimureke dushimire Uwiteka Imana yacu!

Abantu : Nibyiza kumushima no kumuhimbaza!

UMUYOBOZI AKOMEZE N'AYA MAGAMBO AKURIKIRA.

Ni byiza kandi biratunganye, iteka ryose n'ahantu

Hose,kugushima Data ushobora byose,Umuremyi w'

Ijuru n'Isi.

IBI BISHOBORA KURIRIMBWA CYANGWA KUVUGWA KUBYUMWERU

NO KU MINSI MIKURU.

Umuyobozi: Kubw'ibyo,turaguhimbaza,duhuza amajwi yacu n'

Abamalayika,n'ay'Abamalayika bakuru,hamwe n'Imitwe

Y'Ingabo zo mu Ijuru ,baririmba iteka iki gisingizo

Twamamaza icyubahiro cy'Izina ryawe:

Umuyobozi n'Abantu: THE SANCTUS.

Uwera,Uwera,Uwera Imana y'Imbaraga no gukomera,

Ijuru n'Isi byuzuye icyubahiro cyawe,

Mu ijuru baririmbe Hoziana.

Hahimbazwe uje mu Izina ry'Uwiteka,

Mw'Ijuru baririmbe Hoziana.

Zuchetta

Off ABANTU BAHAGARARE CYANGWA BAPFUKAME.

Umuyobozi:
Mana,turagushima,kubw'Ineza n'Urukundo byatumye

Utwihishurira mu iremwa,

Uhamagara Aba Israeli ngo babe ubwoko bwawe.

Mu Ijambo ryawe ryavugiwe mu kanwa k'Abahanuzi'

By'umwihariko,Jambo yigira Umuntu,Yesu Umwana wawe

Kuko muri iyi minsi ya nyuma,wamwohereje ngo

Abyarwe n'Umwari Maria,kugira ngo abe Umukiza

N'Umucunguzi w'abari mu isi.

Muri We,nimwo twatsindiye Umubi,maze duhindurwa

Abigiciro,boguhagarara imbere yawe.

Muri We,wadukuye mu bujiji,udushyira mu kuri,

Udukura mu byaha,Udushyira mu gukiranuka,

Udukura mu rupfu,udushyira mu Bugingo budashira.

MURI AYA MAGAMBO YEREKEYE UMUKATI,UMUYOBOZI ARAWUFATA,CYANGWA

AKARAMBURA IKIGANZA HEJURU YAWO,NAHO KU MAGAMBO YEREKEYE

IGIKOMBE,ARAGIFATA CYANGWA AKARAMBURA IKIGANZA HEJURU YACYO

CYANGWA HEJURU Y'IKINDI GIKORESHO KIRIMO DIVAYI YO GUSENGERA.

None Data,twe twacunguwe nawe,kandi tugahindurwa

Bashya kubw'amazi n'Umwuka Wera,tukuzaniye ibi

Bitambo,byeze kubw'Umwuka Wawe Wera,ngo bibe

Umubiri n'Amaraso bya Yesu Kristo,Umwami Wacu.

Mu Ijoro ribanziriza igihe aduppfira,Umwami wacu

Yesu Kristo,yafashe Umukati;amaze kuwushimira,

Arawumanyagura,awuha Abigishwa be,maze aravuga ati:

Ni mwakire kandi murye,kuko Uyu ari Umubiri wanjye

Ubatangiwe,

Mujye Mubikora ngo Munyibike!

Bamaze kurya,afata Igikombe cya Divayi,aragishimira

Arakibaha,aravuga ati:

Munywere kuri iki mwese,kuko aya ari amaraso

Yanjye y'Isezerano Rishya ,Ava kubw'abenshi ngo

Babarirwe ibyaha.

Mujye Mubikora ngo Munyibuke!

NUKO RERO NKUKO YABIDUTEGETSE,O,Data,

Umuyobozi n'Abantu:

Turibuka Urupfu Rwe,
Turamamaza Kuzuka kwe,

Dutegereje Kugaruka Kwe Mucyubahiro.

UMUYOBOZI N'ABANTU

Kandi tugutuye igitambo cyacu cyo guhimbaza no gushima,

O,Uwiteka w'ibihe byose,tukweretse uyu + Mukati n'iyi + Divayi

Biturutse mubyo wiremeye.

Turagusaba ,Mana y'ubuntu,ngo wohereze Umwuka Wawe kuri aya

Maturo,ngo ahinduke igitambo + cy,Umubiri wa Kristo n'

Amaraso + y'Isezerano rishya.

Tugire umwe n,Umwana wawe,muri iki gitambo,kugira ngo

Dushobore kwemererwa muriwe, + twezwa n'Umwuka Wera.

Ibihe byose,ushyire ibintu byose ,munsi y'Ukuboko kwa Kristo.

Kandi ngo uzatujyane muri icyo gihugu cyo mu Ijuru,

Aho tuzabana n'Abera bawe bose,ngo dushobore kwinjira,

Mu murage udashira,w'Abahungu n,Abakobwa bawe,

Kubwa Yesu Kristo Umwami Wacu,Imfura mu bya remwe,

Umutwe w'Itorero n'Isoko y'Agakiza kacu.

Kubwa Yesu Kristo,Hamwe nawe,kandi muri We,

Mu bumwe bw'Umwuka Wera,Icyubahiro n'Ubwiza ni ibyawe,

Mana ishobora byose,none n'iteka ryose.AMEN!

Nk,uko twabyigishijwe n'Umukiza,akanabidutegeka,niyo mpamvu

Tuvuga tuti:Isengesho ry'Umwami wacu.

Data wa twese uri mw'ijuru,

Izina ryawe ryubahwe'

Ubwami bwawe buze'

Ibyo ushaka bibe mw'isi ,

Nkuko bibaho mw'ijuru.

Uduhe ibyo kurya byacu by'uyu munsi,

Uduharire imyenda yacu,nkuko natwe

Twahariye abarimo imyenda yacu,

Ntuduhane mubitwoshya'

Ahubwo udukize Umubi;

Kuk'ubwami n'ububasha n'ubushobozi n'icyubahiro

Ari ibyawe none n'iteka ryose. Amen!

KUMANYURA UMUKATI,

IGIHE CYO GUCECEKA,

UMUYOBOZI AVUGE,

[Alleluia.] Kristo niwe Pasika yacu;

= Twishimiye Uwo Munsi Mukuru.[Alleluia]=

Mu gihe cy'Igisibo,Haleluya ntivugwa,nikindi gihe yarekwa

Keretse mu bihe bya Pasika.

UMUYOBOZI AREBA ITERANIRO ARARIKE ATI:

Benedata,Bakundwa,

Hahirwa ababaritswe ku Meza y'Umwami,

Dore Umwana w'Intama w'Imana,

Ukuraho ibyaha by'abari mw'Isi.

HANYUMA ABAYOBOZI BABANZE BAFATE,KANDI BAHITE BAHAZA ITERANIRO ,BAVUGA BATI:

Umubiri wa Kristo,Umutsima uva mu Ijuru,[Amen.]

Amaraso ya Kristo, Igikombe cy'Agakiza ke.[Amen.]

IGIHE BARIMO GUHAZWA,HASHOBORA KURIRIMBWA INDILIMBO CYANGWA ZABURI,BIBAYE NGOMBWA ,UMUYOBOZI ASENGERE ,UMUKATI NA DIVAYI NIBA ,BIRANGIYE BOSE BADAHAGIJWE AKIRESHE ISENGESHO RISOZA IYI GAHUNDA.

Zuchetto Nyuma yo guhazwa,Umuyobozi avuge ati:

On Leka dusenge:

Umuyobozi n'Abantu:

Mana ikomeye kandi y'iteka ryose,

Turagushimira kutugaburira ibyo kurya by'Umwuka,

By'Umubiri n'Amaraso y'igiciro cyinsi'

By'Umwana wawe n'Umukiza wacu,Yesu Kristo'

No kutwemeza ayo Mayobera Year,

Ko turi ingingo nzima ,z'Umubiri w'Umwana wawe'

N'abaragwa b'Ubwami budashira'

None Data,twohereze,hanze gukora'

Umurimo waduhamagariye,

Kugukunda no kugukorera,

Nk'abahamya b'izerwa b'Umwami wacu Yesu Kristo'

KUBWE,KUBWAWE,NO KUBW'UMWUKA WERA'

ICYUBAHIRO N,UBWIZA,BIBE IBYAWE NONE N,ITEKA RYOSE

Bongere BISHOP NIBA AHARI CYANGWA PRIEST ATANGE UMUGISHA.

Basohoke

Kuri Amahoro Imana itanga aruta ay'abantu bose bibgira ajye
Gahunda arinda imitima yanyu,n'ubwenge bwanyu kugira ngo ,Muko-

Nk'uko meze mukunde kandi mumenye Imana n'Umwana wayo Yesu Kristo.

Binjiye. Kandi umugisha w'Imana ishobora byose,

Data wa twese+,n'Umwana+,n'Umwuka Wera+

Abane namwe none n'iteka ryose!

Abantu: Amen!

Indirimbo
Dikoni: Leka tugende mu Izina rya Kristo.

Yo gusoho
Abantu: Dushimiye Imana!

Ka

Cyangwa:
Dikoni : Mugende amahoro,mukunde kandi mukorere Uwiteka.Abantu : Dushimiye Imana!

Abantu : Dushimiye Imana!

Cyangwa:

Dikoni: Mureke tujye mu isi twishimira mu mbaraga z'Umwuka

Wera.

Abantu: Dushimiye Imana!

Cyangwa:

Dikoni: Mureke duhimbaze Imana.

Abantu: Dushimiye Imana!

IGIHE ABAHAZWA BABAYE BENSHI,IMIKATI NA DIVAYI BIKARANGIRA

ABANTU BATARAHAZWA BOSE,UMUYOBOZI ASUBIRA KU MEZA AGASENGERA

IBINDI IFUNGURO MURI AYA MAGAMBO.

Turagusaba,Data wa twese wo mu ijuru ,ngo utwumve,maze

Kubw'ijambo ryawe,n'Umwuka wawe Wera,

Weze kandi uhe umugisha uyu Mukati [Divayi]

Nawo uhinduke Isakramento ry'Igiciro

Ry'Umubiri n'Amaraso,

By'Umwana wawe Yesu Kristo,Umwami wacu,

Wafashe Umukati [Igikombe] maze akavuga ati:

Uyu ni Umubiri wanjye [Amaraso].

= Amen.=